



Ubuhinzi mu Rwanda: Imbata y'Isomo, Gutegura Ubutaka n'Umwobo no gutera kawa

IGIHE CYOSE: Isaha 1

ABAHUGURWA: Abahinzi

UHUGURA: Uhugura Abahinzi

AHO ABERA: Mu murima

INTEGO:

- **INTEGO YA 1:** Gutegura ahazaterwa ingemwe za kawa
- **INTEGO YA 2:** Gutera igiti cya kawa

IBIKORESHO:

- Ifumbire y'imborera
- 600g z'ishwagara
- Urwembe /Icyuma
- Amasuka n'ibitiyo


IGIHE	IBIKUBIYE MU ISOMO
Iminota 5	<p>GUTANGIRA:</p> <p>GUSUBIRAMO: Intego</p> <ul style="list-style-type: none">▪ Turiga uko bategura umwobo bateramo ingemwe za kawa.▪ Byumwihariko turaganira impamvu abahinzi bakeneye gutera ibiti bya kawa bishya, intera ikwiye n'uburyo bwiza bwo gutegura umwobo no kuwusubirana mbere yo gutera.▪ Turatera igemwe za kawa <p>UMWITOZO: Agakino ko kwishyushya Toranya agakino ko kwishyushya kabereye abahugurwa.</p>
Iminota 25	<p>INTEGO YA 1: Gutegura ahantu batera ibiti bishya bya kawa</p> <p>Gucukura neza imyobo iterwamo ibiti</p> <p>BAZA: Kuki tugomba gucukura umwobo ukwiriye wo guteramo igiti cya kawa?</p> <p>IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none">▪ Kugira ngo ibiti bikure neza kandi vuba.▪ Ubutaka buvangwe n'imborera kandi bwera bworohera imizi kwinjira ikura.

	<p>BAZA: Ni ngano ki umwobo uterwamo igiti ugomba kugira? IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Ubugari bwa cm 60 n’ubujyakuzimu bwa cm 60. <p>SOBANURA: Tugomba gutandukanya ubutaka bwo hejuru n’ubwo hasi igihe ducukura umwobo.</p> <p>BAZA: Ubutaka bwo hejuru n’ubutaka bwo hasi bivuga iki? IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Ubutaka bwo hejuru ni akenshi buri kuri cm 30 z’igice cyo hejuru, bukize ku bintu bitunga ibihingwa kandi bwera. ▪ Ubutaka bwo hasi ni ubutaka buri muni ya cm 30 (ugereranyije) bukaba butera. <p>BAZA: Kuki tugomba gutandukanya ubutaka bwo hasi n’ubwo hejuru. IGISUBIZO: Igihe dusubiranya umwobo ubutaka bwivanga n’ifumbire. Ubutaka bwo hejuru bushyirwa hasi mu mwobo kugira ngo imizi izabukuriremo, bityo bigaha ingemwe intangiriro nziza.</p>
<p>Iminota 20</p>	<p>INTEGO YA 2: Gutera igiti cya kawa.</p> <p>SOBANURA:</p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Ingemwe ya kawa igomba guterwa igihe ifite santimetero 6 z’uburebure kugira ngo izashobore gukomera no gukura neza. ▪ Sukira neza umunsi mbere yo gutera mu rwego rwo kurinda ingemwe kwangirika nyuma yo kurandurwa aho yari igemetse. ▪ Gutera bigomba gukorwa nyuma y’ibyumweru bibiri imvura igwa, igihe hari ubuhehere mu gice cy’umwobo kingana na 30-60cm ahajya imizi. <p>BAZA: Ni iki wumva cyavangwa n’ubutaka mu gihe cyo gutera ingemwe? IBISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Imvange ijya muri buri mwobo mu gutera igomba kuba igizwe n’ubutaka, DAP ya 100g (twamaze gushyiramo inkangara y’ifumbire y’imborera ya 0.5) na 100g z’ishwagara. ▪ Ifumbire y’imborera ni ingenzi mu butaka kuko ibufata ikanafata amazi bityo ikawa igakura neza. Ikize kuri nyinshi mu ntungabihingwa igihingwa gikenera. 



IGIKORWA: Gutera ikawa

- a) EREKANA uko batera urugemwe rwa kawa ukurikiza intambwe zikurikira kandi usobanure ibyo uri gukora kuri buri ntambwe:
1. Cukura umwobo munini bihagije, kuburyo ushyirwamo urugemwe rwa kawa, n'imizi yarwo.
 2. Shyira urugemwe mu mwobo wacukuye rukiri mu gishoho, ukore kuburyo igihoho kinjira mu butaka. Urugemwe rukaringanira n'ubutaka. Shingamo agati kerekana uko umwobo ubomba kuba ureshya.
 3. Mugihe urugemwe rutertswe neza mu mwobo, cisha igihoho urwembe rutyaye, ugikureho udahungabanyije imizi n'ubutaka bwari birho.
 4. Tereka neza urugemwe mu mwobo, urebe neza ko umuzi remezo utigonze, ko ahubwo umanutse neza mu butaka
 5. Uzuza umwobo ubutaka bwiza buvanze n'ifumbire-mborera, ugenzurako urugemwe ruringaniye n'ubutaka
 6. Sasira neza urugemwe umaze gutera, isaso yitarure urugemwe kuri cm4 kugirango wirinde imiswa .
 7. Vomerera igiti umaze gutera niba ntamvura yagiye.
- b) SHYIRA abahinzi mu matsinda
c) HA buri tsinda urugemwe rwo gutera.
d) NIMUBIGANIREHO



Igiti cya kawa cyatewe neza

Sobanura:

- Niba nta mvura iguye nyuma yo gutera, kijye ugiha amazi buri gihe kugira ngo kidacika intege cyangwa ngo cyume.
- Gusasira (mulching) bifasha kubika ubuhehere mu butaka, kugabanya ibyatsi bibi no kunoza imiterere y'ubutaka.
- Kubagara ukoresheje intoki birasabwa ku biti bya kawa bikiri bito.
- Ifumbire ya NPK 22:6:12 igomba gushyirwa ku gipimo cya 50g ku giti mu mwaka wa mbere. Ishyirwa mu mezi ya Mata na Ukwakira kugira ngo igiti gikure neza mu mashami no mu mababi.
- Tera ibiti bitanga igicucu icyarimwe na kawa kugira ngo bikurire hamwe kandi bibe byarashinga imizi neza.

Iminota
10

**GUSOZA:
GUSUZUMA IBYIGWA BY'INGENZI.**

IGIKORWA: Gusuzuma Ubumenyi

Baza abitabiriye amahugurwa ibibazo bikurikira, ubaha ibisobanuro n'ubugororangingo aho bikenewe:

- Kuki ari ngombwa gusasira ingemwe ya kawa nyuma yo kuyitera mu murima?
- Kuki dukwiriye gushyira ifumbire y'imborera mu mwobo wo gutera?

IBIBAZO N'IBISUBIZO